RWANDA

commonwealth games RWANDA

# Icyegeranyo cy'Amakuru y'Imikino yaranze icyumweru

## 2022 Taliki 14-25 Nyakanga




Page 1. Birmingham 2022: Ikipe ihagarariye u Rwanda yakiriwe ku mugaragaro muri village

# Ijambo ry'ibanze

Komite Olempike y'u Rwanda yashyizeho iki cyegeranyo mu rwego rwo kurushaho kumenyekanisha ibikorwa byayo n'iby'abanyamuryango bayo (Amashyirahamwe y'Imikino mu Rwanda) hagamijwe gukomeza guteza imbere siporo no kuyikundisha Abanyarwanda muri rusange by'umwihariko abakiri bato.

Iki cyegeranyo gikubiyemo amakuru n'ibikorwa bya siporo byaranze icyumweru, kikazajya gisohoka rimwe mu cyumweru.

Ntigisimbura kandi izindi nzira Komite Olempike y'u Rwanda isanzwe ikoresha mu kugeza amakuru ku banyamuryango bayo n'abanyarwanda muri rusange.

# Ibirimo


P1 **Birmingham 2022:** Ikipe ihagarariye u Rwanda yakiriwe ku mugaragaro muri village

P1 **Birmingham 2022:** Ikipe y'igihugu izahagararira u Rwanda yasabwe kuzitwara neza

P2 **Basketball:** Kigali Titans BBC yegukanye igikombe cya shampiyona y'icyiciro cya kabiri

P3 **Basketball:** Habaye imikino ya shampiyona y'icyiciro cya mbere

P3 **Handball:** Police HBC yisubije igikombe cya shampiyona

P4 **Karate:** Abanyeshuri 232 bigishijwe Karate ku bufatanye bwa FERWAKA na UNESCO ICM

P5 **Rugby:** Ambasade y'u Bwongereza mu Rwanda yahaye RRF ibikoresho bigezweho

P6 **CAF ASC 2022:** ES Sumba na Kiramuruzi MS zegukanye igikombe

P7 **ARPST:** Uko imikino ya shampiyona y'Abakozi yagenze

P8 **Taekwondo:** Maroc yegukanye umwanya wa mbere muri shampiyona y'Afurika

## 1 Birmingham 2022: Ikipe ihagarariye u Rwanda yakiriwe ku mugaragaro muri village

Kuri uyu wa Mbere taliki 25 Nyakanga 2022, itsinda ry'abakinnyi b'u Rwanda n'abababerekeje 28 bakiriwe ku mugaragaro aho abitabiriye imikino "Birmingham 2022 Commonwealth Games" bacumbitse "Commonwealth Games Village".

Umuyobozi wa "Commonwealth Games Village", Dave Moorcroft ni we wakiriye ikipe y'u Rwanda ahabaye n'ibirori bitandukanye byakozwe n'abakorerabushake ndetse hanatangwa n'impano.

Uwagiye ayoboye itsinda ry'abaserukiye u Rwanda "Chef de Mission", Mugisha Jean Jacques yishimiye uko bakiriwe ashima cyane Ishyirahamwe ry'imikino ihuza ibihugu byibumbiye mu muryango w'ibihugu bikoresha ururimi rw'icyongereza "Commonwealth Games Federation", abakorerabushake batandukanye, abakinnyi ndetse n'umujyi wa Birmingham.

Yifurije kandi abakinnyi bose amahirwe no kuzaharanira kwitwara neza mu marushanwa bagiye gutangira.

Iyi mikino ya Commonwealth "Birmingham 2022 Commonwealth Games" biteganyijwe ko izatangira taliki 28 Nyakanga isozwe 08 Kanama 2022. Kuri uyu wa Kane taliki 27 Nyakanga 2022 ni bwo hazaba ibirori byo gufungura ku mugaragaro iyi mikino.





## Birmingham 2022: Ikipe y'igihugu izahagararira u Rwanda yasabwe kuzitwara neza

Ku wa Gatandatu taliki 23 Nyakanga 2023 ni bwo itsinda ry'abakinnyi 16 bahagurutse mu Rwanda berekeza i Birmingham mu Bwongereza aho bagiye kwitabira imikino ihuza ibihugu byibumbiye mu muryango w'ibihugu bikoresha ururimi rw'icyongereza "Birmingham 2022 Commonwealth Games" izaba kuva taliki 28 Nyakanga kugeza 08 Kanama 2022.

Mbere yo guhaguruka mu Rwanda, Munyanziza Gervais, Umuyobozi w'agateganyo wa Siporo muri Minisitiri ya Siporo "MINISPORTS" mu izina rya Minisitiri Munyangaju Aurore Mimosa yashyikirije ibendera aba abakinnyi bitabiriye iyi mikino, abasaba kuzitwara neza bagahesha ishema igihugu.

Yagize ati: "Kuba igihugu cyarabizeye kikaboherereza mu butumwa, ni umukoroukomeye wo kujya kigihagararira kandi ni uko hari ubushobozi igihugu kibabonamo. Icyo musabwa rero ni ugukora uko mushoboye mukazaduhagararira neza."
Yakomeje abibutsa ko kuba Perezida w'u Rwanda Paul Kagame ari we ubu uyoboye umuryango wa "Commonwealth" bikwiriye kubabera isoko yo guhanira kuzitwara neza.

Visi Perezida wa mbere wa "Rwanda Commonwealth Games Association", Umulinga Alice we yashimiye abakinnyi uburyo bwitwaye mu gihe bari bamaze mu mwiherero bitegura iyi mikino anabasaba kuzitwara neza.

**Urutonde rw'abaserukiye u Rwanda mu mikino ya Commonwealth n'abababerekeje:**

**Athletics**
**Abakinnyi**
1. Nimubona Yves
2. Iranzi Celine
3. Uwitonze Claire
4. Imanizabayo Emeline

**Umutoza:** Kanyabugoyi Anicet

**Cycling**
**Abakinnyi**
1. Uhiriwe Byiza Renus
2. Mukashema Josianne
3. Muhoza Eric
4. Mugisha Samuel
5. Manizabayo Eric
6. Mugisha Moise
7. Ingabire Diane
8. Tuyishimire Jacqueline

**Umutoza:** Sempoma Felix
**Umukanishi:** Maniriho Eric
**Masseur:** Ruvogera Obed

**Swimming**
**Abakinnyi**
1. Imaniraguha Eloi
2. Irankunda Isiaka

**Umutoza:** Rukundo Patrick

**Beach Volleyball**
**Abakinnyi**
1. Gatsinzi Vénuste
2. Ntagengwa Olivier

**Umutoza:** Mudahinyuka Christophe

**Abayoboye itsinda (Management Team)**
**Chef de Mission:** Mugisha Jean Jacques
**General Team Manager:** Ijimbere Naickey
**Administrative Personnel:** Umutoni Salama
**Press Attaché:** Mukeshimana Assumpta
**Chief Medical Officer:** Dr. Nshimiyimana Protogene
**Physiotherapist:** Uwayezu Sandrine





# 2 **Basketball:** Kigali Titans BBC yegukanye igikombe cya shampiyona y'icyiciro cya kabiri



*Visi Perezida wa FERWABA ushinzwe amarushanwa Nyirishema Richard ashyikiriza igikombe kapiteni wa Kigali Titans BBC*

Ikipe ya Kigali Titans BBC yegukanye igikombe cya shampiyona y'icyiciro cya kabiri mu bagabo nyuma yo gutsinda ikipe ya Orion BBC imikino 2-0.

Aya makipe nyuma yo kwitwara neza mu mikino ya "Playoffs" ni yo yabonye itike yo kuzakina shampiyona y'icyiciro cya mbere umwaka utaha w'imikino wa 2022-2023.

Aya makipe ariko nubwo yazamutse mu cyiciro cya mbere yagombaga kwisobanura kugira ngo hamenyekane ikipe yegukana igikombe cya shampiyona y'icyiciro cya kabiri umwaka wa 2021-2022.

Ikipe ya Kigali Titans BBC yegukanye igikombe itsinze Orion BBC imikino 2-0. Umukino wa mbere wabaye taliki 22 Nyakanga 2022, ikipe ya Kigali Titans BBC yatsinze Orion BBC amanota 73 kuri 70 naho umukino wa kabiri wabaye taliki 23 Nyakanga 2022, ikipe ya Kigali Titans BBC itsinda Orion BBC nanone amanota 65 kuri 64. Iyi mikino yombi yabereye muri BK Arena.

Ikipe ya Kigali Titans BBC yashyikirijwe igikombe ndetse na sheki ya miliyoni 3 y'amafaranga y'u Rwanda naho ikipe ya Orion BBC ihabwa miliyoni 2.



*Eli Cave ukinira ikipe ya Kigali Titans BBC ni we wahawe igihembo cy'umukinnyi witwaye neza « MVP».*

Mu mikino ya ½, buri kipe yagombaga gutsinda imikino ibiri muri 3 kugira ngo ikomeze ku mukino wa nyuma inabone itike ya kuzamu mu cyiciro cya mbere.

Ikipe ya Kigali Titans yitwaye neza itsinda ikipe ya Flame BBC imikino 2-0. Umukino wa mbere wabaye taliki 10 Nyakanga 2022, Kigali Titans yatsinze Flame BBC amanota 81 kuri 40. Mu mukino wa kabiri wabaye taliki 19 Nyakanga 2022, Kigali Titans yatsinze Flame BBC amanota 85 kuri 42.

Ikipe ya Orion BBC yatsinze Intare BBC imikino 2-0. Mu mukino wa mbere Orion BBC yatsinze Intare BBC amanota 77 kuri 52 naho mu mukino wa kabiri, Orion BBC itsinda Intare BBC amanota 70 kuri 43.

**Uko imikino yagenze guhera muri ½**

**Taliki 10-07-2022**
- Kigali Titans 81-40 Flame
- Orion BBC 77-52 Intare BBC

**Taliki 16-07-2022**
- Intare BBC 43-70 Orion BBC

**Taliki 19-07-2022**
- Flame 42-85 Kigali Titans

**Imikino ya nyuma**

**Taliki 22-07-2022**
- Kigali Titans 73-70 Orion BBC

**Taliki 23-07-2022**
- Orion BBC 64-65 Kigali Titans



*Kigali Titans ikina na Orion BBC umukino wa nyuma*



*Ikipe ya Kigali Titans BBC yegukanye igikombe ndetse na sheki ya miliyoni 3 y'amafaranga y'u Rwanda*



*Ikipe ya Orion BBC yasoje irushanwa ku mwanya wa kabiri, ihabwa miliyoni 2 y'amafaranga y'u Rwanda*

## 3 **Basketball:** Habaye imikino ya shampiyona y'icyiciro cya mbere

Taliki 15 kugeza 24 Nyakanga 2022 habaye imikino itandukanye ya shampiyona y'icyiciro cya mbere mu bagabo.

**Uko imikino yagenze**

**Taliki 15-07-2022**
- Espoir BBC 20-0 IPRC Kigali
- Tigers BBC 75-65 UGB

**Taliki 16-07-2022**
- Rusizi BBC 46-81 Patriots BBC
- APR BBC 68-48 IPRC Musanze
- Shoot for the Stars 78-46 UR Huye

**Taliki 17-07-2022**
- Rusizi BBC 67-77 Tigers
- APR BBC 92-27 UR Huye BBC
- IPRC Kigali 70-44 IPRC Musanze
- Shoot for the Stars 84-75 IPRC Huye
- UGB 60-85 REG BBC

**Taliki 20-07-2023**
- UGB 114-41 UR-CMHS BBC
- Tigers 69-74 REG BBC
- Espoir BBC 85-72 Shoot for the Stars
- IPRC Kigali 56-64 Patriots BBC

**Taliki 22-07-2022**
- Espoir BBC 75-113 REG BBC

**Taliki 23-07-2022**
- UR Huye 57-65 IPRC Musanze
- APR BBC 92-54 Rusizi BBC

**Taliki 24-07-2022**
- IPRC Kigali 97-57 Rusizi BBC
- Shoot for the Stars 50-77 Patriots BBC
- IPRC Huye 51-79 REG BBC
- Espoir BBC 85-84 UGB



*IPRC HUYE ikina na REG BBC*

## **Handball:** Police HBC yisubije igikombe cya shampiyona

Ikipe ya Police HBC yitwaye neza itsinda Gicumbi HBT imikino 2-0 muri "Playoffs 2022" ihita yegukana igikombe cya shampiyona y'icyiciro cya mbere mu bagabo.

Uyu mwaka wa 2022, shampiyona y'icyiciro cya mbere mu bagabo yakinwe mu matsinda abiri hanyuma habaho imikino ya "Playoffs" mu rwego rwo gushaka amakipe azahatanira igikombe aho Gicumbi HBT na Police HBC zasoje ziyoboye.

Nk'uko byari biteganyijwe aya makipe yombi yagombaga gutanguranwa gutsinda imikino ibiri muri 3. Umukino wa mbere wabereye i Gicumbi taliki 10 Nyakanga 2022, Police HBC yatsinze Gicumbi HBT ibitego 41 kuri 35. Umukino wa kabiri wabereye Kimisagara taliki 17 Nyakanga 2022, ikipe ya Police HBC yatsinze Gicumbi HBT ku bitego 32 kuri 27. Nyuma yo gutsinda imikino ibiri, Police HBC yahise yegukana igikombe cya shampiyona ihabwa ibihumbi 500. Iyi shampiyona yaherukaga gukinwa muri 2019 nabwo Police HBC ni yo yari yegukanye igikombe.

**Vision JN yegukanye igikombe mu cyiciro cya kabiri**
Ikipe ya Vision JN yegukanye shampiyona y'icyiciro cya kabiri mu bagabo nyuma yo gutsinda ku mukino wa nyuma ikipe ya UR Nyarugenge ibitego 43 kuri 37. Iyi kipe ya Vision JN yahawe igikombe na sheki y'ibihumbi 300. Aya makipe yombi akaba yaranabonye itike yo kuzamuka mu cyiciro cya mbere aho zasimbuye ikipe ya UR Rukara na Munyove HC zamanutse mu cyiciro cya kabiri.

**Kiziguro SS yegukanye shampiyona mu bagore**
Mu cyiciro cy'abagore shampiyona ya 2022 yarasojwe aho ikipe ya Kiziguro SS yegukanye igikombe ndetse ihabwa n'ibihumbi 500 by'amafaranga y'u Rwanda.

Taliki 16 na 17 Nyakanga 2022 ni bwo hakinwe imikino ya nyuma isoza shampiyona aho Kiziguro SS yatsinze GS Kitabi ibitego 42 kuri 21, itsinda Three Stars ibitego 53 kuri 14 inatsinda ISF Nyamasheke ibitego 21 ku 10.

Mu yindi mikino yabaye, Three Stars yatsinze UR Huye ibitego 27 kuri 15, Gicumbi HC itsinda ISF Nyamasheke ibitego 28 kuri 24, ISF Nyamasheke itsinda UR Huye ibitego 27 ku 08, Gicumbi HC itsinda GS Kitabi 41-16, GS Kitabi itsinda UR Huye 28-24 na ho Gicumbi HC itsinda Three Stars 24-14.



Ikipe ya Police HBC nyuma yo gushyikirizwa igikombe

# **Karate:** Abanyeshuri 232 bigishijwe Karate ku bufatanye bwa FERWAKA na UNESCO ICM

Ishyirahamwe ry'umukino wa Karate mu Rwanda "FERWAKA" ku bufatanye na UNESCO ICM yateguye gahunda yiswe "Martial Arts Open School in Rwanda 2022" igamije kwigisha umukino wa Karate ndetse n'indangagaciro Olempike mu mashuri aho abanyeshuri 232 bo mu bigo bibiri, Lycée Notre-Dame de Cîteaux na Collège Saint-André bigishijwe uyu mukino.

Kuva taliki 11 Kamena kugeza taliki 14 Nyakanga 2022, UNESCO ICM na FERWAKA bashyize mu bikorwa gahunda yo kwigisha abanyeshuri umukino wa Karate aho yatangiriye mu bigo bibiri byo mu Mujyi wa Kigali ari byo Lycée Notre-Dame de Cîteaux na Collège Saint-André. Hatangiye abanyeshuri 442 barimo abakobwa 305 hasoza 232 barimo abakobwa 174.

Mu gihe kigera ku byumweru 5 aba banyeshuri basangijwe ubumenyi bw'ibanze ku mukino wa Karate babifashijwemo n'abatoza b'Ishyirahamwe ry'umukino wa Karate mu Rwanda bakuriwe na Nkuranyabahizi Noel ufite umukandara w'umukara Dani ya 4 akaba ari n'umutoza mukuru w'ikipe y'igihugu.

Ku bijyanye n'indangagaciro Olempike, aba banyeshuri bigishijwe na Mukundiyukuri Jean de Dieu usanzwe ari Umuyobozi Nshingwabikorwa muri Komite Olempike y'u Rwanda.
Ku wa Kane taliki 14 Nyakanga 2022 ni bwo iyi gahunda yasojwe aho umuhango wabereye muri Collège Saint-André i Nyamirambo.

Uyu muhango ukaba waritabiriwe n'uhagarariye Minisiteri ya Siporo ushinzwe Amashyirahamwe y'Imikino, Habyarimana Florent, ushinzwe iterambere rya Siporo muri Komite Olempike y'u Rwanda, Fidele Kajugiro Sebalinda, Umunyamabanga Mukuru w'Ishyirahamwe ry'umukino wa Karate mu Rwanda, Elvis Bugingo ndetse n'abayobozi b'ibigo by'amashuri.

Bamwe mu banyeshuri bitabiriye iki gikorwa bagaragaje ko umukino wa Karate wabafashije byinshi kandi biteguye gukomeza kuwukina.

Akamanzi Raziella Michelle wiga mu mwaka wa kabiri muri Lycée Notre-Dame de Cîteaux yatangaje ko icyatumye ahitamo gukina uyu mukino ari uko yabonye abawukina baba bafite ubuzima bwiza kandi batitinya ndetse barangwa n'imyitwarire myiza. Yakomeje avuga ko karate izamufasha kwiga kwirinda no kwigirira icyizere mu byo akora.

Akamanzi ashishikariza abakobwa bagenzi be kwitinyuka bakumva ko Karate atari umukino w'abahungu gusa ko na bo babishobora.

Umunyamabanga Mukuru wa FERWAKA, Bugingo Elvis yatangaje ko iyi gahunda igamije kwigisha no guteza imbere umukino wa Karate bahereye mu bakiri bato bari mu mashuri cyane cyane abana ba bakobwa. Yakomeje avuga ko yatangiriye mu mashuri abiri ariko bizakomeza no mu yandi.

Kajugiro Fidèle Sebalinda, ushinzwe iterambere rya siporo muri Komite Olempike y'u Rwanda yagaragaje ko iki gikorwa cyagenze nezakuko aba banyeshuri bigishijwe Karate bikajyana n'indangagaciro Olempike zirimo kuba indashyikirwa, kubahana n'ubucuti. Yakomeje avuga ko iyo habonetse abakinnyi bakiri bato haba hagomba no kuboneka ababakurikirana barimo abatoza, aha avuga ko Komite Olempike y'u Rwanda izakomeza gufatanya na FERWAKA guteza imbere umukino wa karate harimo no guhugura abatoza b'uyu mukino.

Umuyobozi muri Minisiteri ya Siporo "MINISPORTS" ushinzwe Amashyirahamwe y'imikino, Habyarimana Florent yashimye iki gikorwa avuga ko iterambere ry'imikino rikwiriye gushingira ku bakiri bato kandi ko umubare munini wabo uba mu mashuri.

Yagize ati: *"Iki gikorwa FERWAKA yateguye ni cyiza kandi gikwiye gushyigikirwa."* Akomeza avuga ko nka MINISPORTS bazakomeza gufatanya na Komite Olempike y'u Rwanda n'Amashyirahamwe y'Imikino gushyigikira gahunda yo guteza imbere Siporo ishingiye ku bakiri bato.

UNESCO ICM "International Centre of Martial Arts" ni ikigo mpuzamahanga cy'imikino njyarugamba cyatangijwe mu Kuboza 2016 ku masezerano Leta ya Koreya y'Epfo yagiranye n'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Burezi, Ubumenyi n'Umuco "UNESCO" gifite intego yo kugira uruhare mu mibereho myiza y'abatuye Isi no gusabana binyuze mu mikino njyarugamba.



Umwe mu batoza Bucumi Desire areba niba abana bakora neza ibyo bigishijwe




Abana bitabiriye iyi gahunda bakoze ikizamini kibazamura mu mikandara



Abana bitabiriye iyi gahunda bakoze ikizamini kibazamura mu mikandara

# **Rugby:** Ambasade y'u Bwongereza mu Rwanda yahaye RRF ibikoresho bigezweho

Ambasaderi w'u Bwongereza mu Rwanda, Omar Daair yashyikirije ishyirahamwe ry'umukino wa Rugby mu Rwanda "RRF" ibikoresho bigezweho byatanzwe n'umuryango wo mu Bwongereza "SOS Kit Aid".

Uyu muryango ukaba ugamije guteza imbere umukino wa Rugby aho utanga inkunga y'ibikoresho bitandukanye ku bakiri bato ndetse n'abakuru.

Iki gikorwa cyabereye kuri Ambasade y'u Bwongereza mu Rwanda ku Kacyiru taliki 14 Nyakanga 2022.

Bimwe mu bikoresho RRF yahawe harimo imyenda igezweho yo gukinana, iyo gukoresha imyitozo, imipira yo gukina ndetse n'ibindi bikoresho bitandukanye bizajya byifashishwa yaba ku bakiri bato ndetse no ku bakuru mu bagore n'abagabo.

Perezida wa RRF, Kamanda Tharcisse nyuma yo guhabwa ibi bikoresho yashimiye Ambasade y'u Bwongereza mu Rwanda kuba yarabageneye ibi bikoresho bigezweho kandi bijyanye n'igihe, kuko bazabyifashisha mu gufasha amakipe mu byiciro bitandukanye gukina uyu mukino nta nkomyi.
Yakomeje avuga ko bazanabyifashisha mu bukangurambaga batangiye bwo kugeza uyu mukino mu bigo by'amashuri yaba abanza ndetse n'ayisumbuye.

Kamanda agaragaza ko kubona aho wagura ibikoresho bijyanye n'igihe nk'ibi bahawe bitoroshye kuko no mu gihugu nta maduka wabona abicuruza n'aho biboneka bikaba bihenze ku buryo amakipe atapfa kubyigondera.

Uwiringiyimana Callixte wari uhagarariye Minisiteri ya Siporo "MINISPORTS", yagaragaje ko kubona ibikoresho bijyanye n'igihe kandi



*Ambasaderi w'u Bwongereza mu Rwanda, Omar Daair ashyikiriza inkunga y'ibikoresho Perezida w'Ishyirahamwe ry'umukino wa Rugby mu Rwanda, Kamanda Tharcisse*

bikomeye ari imwe mu mbogamizi ikomeye siporo y'u Rwanda ihura nayo. Ati: *"Kuba Ambasade y'u Bwongereza yatekereje gufasha uyu mukino ni ibyo kwishimira."*

Akomeza avuga ko ibi bikoresho bizera ko RRF izabikoresha mu kuzamura impano by'umwihariko mu bakiri bato, ibi bikazanafasha Igihugu kubona umusaruro ku rwego mpuzamahanga.

Ambasaderi w'u Bwongereza mu Rwanda, Omar Daair yasabye RRF kuzafata neza no kuzabyaza umusaruro ibi bikoresho bigezweho bahawe. Yagize ati: *"Dukomeje gushimishwa n'uburyo siporo ikomeje gutera imbere mu gihugu. Leta y'u Rwanda ikomeje gushyira imbaraga mu iterambere rya siporo zinyuranye zirimo na Rugby. Nk'uko uyu mukino ukunzwe mu gihugu cyacu cy'u Bwongereza, turifuza ko no mu Rwanda naho watera imbere vuba byihuse kandi ugakundwa n'Abanyarwanda by'umwihariko abakiri bato kuko aribo bazawukina mu gihe kirambye".*

*Amb. Omar Daair yavuze ko gukusanya iyi nkunga y'ibikoresho byakorewe mu Bwongereza binyuze mu bafatanyabikorwa babo bafasha mu gukusanya ibikoresho by'uyu mukino byoherezwa ahantu hatandukanye kuko bifuza ko uyu mukino wakinwa kinyamwuga.*

Akomeza avuga ko bahisemo ko no mu Rwanda haba mu hagomba guhabwa ibi bikoresho, bityo nyuma yo kubiha RRF biteze umusaruro mwiza utandukanye n'uwo batangaga mu rwego rw'amarushanwa.

Muri iyi minsi u Rwanda rurimo kwakira amarushanwa mpuzamahanga mu mikino itandukanye irimo Basketball, Volleyball, Cricket, Tennis n'iyindi. Amb. Omar Daair ati : "Nka Ambasade turifuza ko n'umukino wa Rugby wazamuka byihuse nawo ukagera ku rwego rwiza ku buryo hano habera amarushanwa nk'aya ari ku rwego mpuzamahanga kandi birashoboka kuko ubushake burahari".

Amb. Omar Daair ashimangira ko binyuze mu bafatanyabikorwa batandukanye bo mu Bwongereza basanzwe bafasha umukino wa Rugby mu Rwanda bazakomeza gukora ubuvugizi aho bishoboka kugira ngo uyu mukino ugere ku rwego bawifuzaho mu Rwanda.

RRF ibonye ibi bikoresho mu gihe yatagiye gahunda yo gusakaza uyu mukino mu mashuri yaba abanza n'ayisumbuye ndetse na za Kaminuza aho ubu hari amashuri hafi 100 akina Rugby harimo 60 yisumbuye.

# CAF ASC 2022: ES Sumba na Kiramuruzi MS zegukanye igikombe

Taliki 23 na 24 Nyakanga 2022, mu Karere ka Rubavu hakinwe imikino isoza irushanwa ry'Afurika mu mashuriku rwego rw'igihugu "CAF African Schools Championship 2022" mu cyiciro cy'abahungu n'abakobwa mu bakinnyi barimunsi y'imyaka 15.

Iyi mikino yateguwe ku bufatanye bw'Ishyirahamwe ry'umupira w'amaguru mu Rwanda "FERWAFA" kubufatanye n'Ishyirahamwe ry'imikino mu mashuri "FRSS" ku nkunga y'Impuzamashyirahamwe y'umupira w'amaguru muri Afurika "CAF".

Ikipe y'ishuri rya ES Sumba mu Karere ka Nyamagabe mu bahungu na Kiramuruzi Modern School y'i Gatsibo mu bakobwa ni zo zegukanye igikombe. Ikipe ya ES Sumba yatsinze GS Kigeme B ibitego 3-1 naho Kiramuruzi MS itsinda GS Muhato igitego 1-0.

Iri rushanwa ryari rimaze amezi ane rikinwa mu gihugu hose kuva muri Werurwe 2022. Amakipe 231 y'abahungu na 214 y'abakobwa niyo yitabiriye irushanwa ku rwego rw'Akarere. Amakipe 60 y'abahungu na 60 y'abakobwa yakinnye ku rwego rwa "League" wagereranya n'Intara hanyuma 12 muri buri cyiciro aba ari yo agera mu cyiciro cy'imikino ya nyuma.

Aya 12 yagabanijwe mu matsinda ane maze akina imikino y'amajonjora taliki 23 Nyakanga 2022. Amakipe abiri ya mbere muri buri tsinda (ni ukuvuga 8) mu matsinda yose hamwe yakinnye imikino ya ¼. Amakipe 4 yatsinze akomeza muri ½ , ayitwaye neza akomeza ku mukino wa nyuma .

Iyi mikino isoza iri rushanwa yabereye kuri Sitade Umuganda, ku kibuga cy'inyuma ya Stade Umuganda, ku kibuga cya Tam-Tam no muri ESSA Gisenyi. Buri mukino hakinwe iminota 50 igabanijemo ibice bibiri.

Abayobozi batandukanye bitabiriye isozwa ry'iri rushanwa barimo Umunyamabanga Uhoraho muri Minisiteri ya Siporo "MINISPORTS", Shema Maboko Didier, umuyobozi w'ikigo cy'igihugu gishinzwe uburezi "REB", Dr. Mbarushimana Nelson, Umuyobozi w' Ishyirahamwe ry'Imikino mu mashuri "FRSS", Padiri Gatete Innocent, Visi Perezida wa FERWAFA, Habyarimana Marcel ndetse n'Umuyobozi w'Akarere ka Rubavu, Kambogo Ildephonse.

Amakipe yatwaye ibikombe azahagararira u Rwanda muri Zone y'Akarere k'Afurika y'u Burasirazuba "CECAFA" nyuma azitwara neza azitabire imikino ya nyuma y'Afurika.

**Uko imikino yose yagenze uhereye muri ¼**

**Abahungu**

**Imikino ya ¼**
- ES Sumba 3-1 GS Muhoza II
- GS Kicukiro 1-0 Kinyanzovu
- Gacuba II B 0-4 GS Paysannat
- GS Kigeme B 3-0 E SC. Byimana

**Imikino ya ½**
- ES Sumba 3-0 GS Paysannat
- GS Kicukiro 0-0 GS Kigeme (pen 4-5)

**Umwanya wa Gatatu**
- GS Kicukiro 1-1 GS Paysannat (pen 4-5)

**Umukino wa nyuma**
- ES Sumba 3-1 GS Kigeme B

**Uwatsinze ibitego byinshi:** Uwineza René (ES Sumba) yatsinze ibitego 9.

**Abakobwa**

**Imikino ya ¼**
- GS Muhato 1-1 GS Karwasa (pen 4-3)
- GS Gasaka 0-0 Kiramuruzi MS (pen 2-3)
- GS Nkubi 3-2 GS Rubavu I
- GS Mukarange 0-1 GS Gaseke

**Imikino ya ½**
- GS Muhato 1-0 GS Nkubi
- Kiramuruzi MS 1-0 GS Gaseke

**Umwanya wa gatatu**
- GS Gaseke 0-3 GS Nkubi

**Umukino wa nyuma**
- GS Muhato 0-1 Kiramuruzi MS

**Abakinnyi bahize abandi**

**Abakobwa**

**Umunyezamu witwaye neza:** Maombi Joanna (Kiramuruzi MS)

**Umukinnyi witwaye neza "MVP":** Abayisenga Joselyne (GS Muhato)

**Abahungu**

**Umunyezamu witwaye neza:** Mugisha Jean de Dieu (ES Sumba)

**Umukinnyi witwaye neza "MVP":** Uwineza René (ES Sumba)



*Ku mukino wa nyuma mu bakobwa, Kiramuruzi Modern School yatsinze GS Muhato 1-0*



*FERWAFA yashyikirije Ishyirahamwe ry'imikino mu mashuri inkunga y'imipira 500 yo gukina mu rwego rwo gukomeza gushyigikira iterambere ry'umupira w'amaguru mu bakiri bato.*




*Ikipe ya ES Sumba niyo yegukanye igikombe mu bahungu itsinze GS Kigeme 3-1*

# ARPST: Uko imikino ya shampiyona y'Abakozi yagenze

Taliki 15 kugeza 23 Nyakanga 2022 habaye imikino ya shampiyona y'Abakozi.

**Uko imikino yagenze**

**Football**

**Taliki 15-07-2022**

- NISR 5-1 CHUB
- RSSB 0-1 UR
- MOD 3-2 RWANDAIR
- RBC 5-0 WASAC
- REG 7-2 RRA
- RMS 0-1 RBA
- MINAFET 0-6 RISA
- RMB 5-2 MINECOFIN
- MIFOTRA 0-6 MINAGRI
- BRD 0-3 IPRC

**Taliki 22-07-2022**

- RDB 1-9 REG
- RMS 3-1 RRA
- MINAGRI 2-1 RMB
- MININFRA 2-5 IPRC-Kigali
- RBC 3-1 MOD

**Taliki 23-07-2022**

**Ibigo by'abikorera**

- Bralirwa 2-2 SKOL

**Basketball**

**Taliki 15-07-2022**

- RRA 17-69 WASAC
- RwandAir 115-32 CHUB
- MOD 55-35 REG

**Taliki 23-07-2022**

**Mu bigo by'abikorera**

- IHS 83-88 STECOL
- I&M Bank 63-35 BRALIRWA
- BPR 48-56 BK

**Volleyball**

**Taliki 15-07-2022**

- RRA 3-0 MOD
- REG 2-2 WASAC
- MINISPORTS 3-1 MINECOFIN

**Taliki 22-07-2022**

- WASAC 3-2 MOH
- Rwandair 3-0 UR-Huye
- REG 3-0 RMS






# **Taekwondo:** Maroc yegukanye umwanya wa mbere muri shampiyona y'Afurika

Kuva taliki 13 kugeza 17 Nyakanga 2022, mu Rwanda habereye shampiyona y'Afurika mu mukino njyarugamba wa Taekwodo "African Taekwondo Championships 2022" aho yakinwe mu bice bibiri birimo icyiciro cyo kwiyereka "Poomsae" n'icyiciro cyo kurwana "Kyorugi". Irushanwa rikaba ryarabereye muri BK Arena.

Taliki 13 na 14 Nyakanga 2022 habaye icyiciro cyo kwiyereka "Poomsae". Muri iki gice, u Rwanda rwitwaye neza rweguka imidali 15 aho rwaje ku mwanya wa 3 mu gihe Misiri yegukanye umwanya wa mbere naho Senegal iza ku mwanya wa kabiri.

Taliki 16 na 17 Nyakanga 2022 hakinwe icyiro cyo kurwana "Kyorugi", ikipe ya Maroc yitwaye neza iza ku mwanya wa mbere aho yegukanye imidali 15 harimo 8 ya Zahabu, 3 ya Feza n'indi 4 y'Umuringa.

Iyi kipe yegukanye umwanya wa mbere ibikesha abakinnyi bayo bitwaye neza mu byiciro bitandukanye barimo Bassel Ayoub wegukanye umudali wa zahabu mu bafite ibiro 87 mu bagabo, Wasfi Abdelbasset wegukanye zahabu mu batarengeje ibiro 63 mu bagabo.

Mu bagore hari abakinnyi 6 begukanye umudali wa zahabu mu byiciro bitandukanye barimo Elaasal Nezha (U-49 kg), Laaraj Nada (U-57 kg), Aboufaras Fatima Ezzahra (73 kg), Sahib Soukaina (U-46kg, El Oumaima (U-53 kg) na Salih Safia (U-62 kg).

Ku mwanya wa kabiri haje ikipe ya Misiri yegukanye imidali 13 harimo 3 ya Zahabu, 5 ya Feza n'indi 5 y'Umuringa. Ku mwanya wa 3 haje ikipe ya Cote d'Ivoire yegukanye imidali 7 harimo 2 ya Zahabu, 3 ya Feza n'indi 2 y'Umuringa.

Ikipe ya Tunisia yahawe igikombe nk'ikipe yagaragaje korohera "Fair Play Team". Iyi kipe muri rusange yasoreje ku mwanya wa 4 aho yegukanye imidali 4 irimo 2 ya Zahabu, 1 wa Feza n'undi 1 w'Umuringa.

Ku ruhande rw'ikipe y'u Rwanda muri iki cyiciro yasoreje ku mwanya wa 13 aho yegukanye umudali umwe wa Bronze wegukanwe na Umuhoza Adinette mu cyiciro cy'abari munsi y'ibiro 67 mu bagore.

Muri iri rushanwa ryose, Aaron François Kobenan (Cote d'Ivoire) ni we mukinnyi witwaye neza mu bagabo naho Nezha Elaasal (Maroc) aba umukinnyi witwaye neza mu cyiciro cy'abagore.

Muri rusange ibihugu 38 ni byo byitabiriye iyi shampiyona y'Afurika mu mukino wa Taekwondo "African Taekwondo Championships 2022", ari byo u Rwanda, Maroc, Misiri, Cote d'Ivoire, Tunisia, Niger, Senegal, Burkina Faso, Nigeria, Kenya, Gabon, Mali, Uganda, Algeria, RDC, Burundi, Central African Republic, Botswana, Mozambique, Ghana, Chad, Guinea, Eswatini, Cameroon, Congo Brazzaville, Benin, Cape Verde, Sudan, Guinea-bissau, Gambia, Djibouti, Tanzania, Lesotho, Libya, Togo, Zimbabwe, Somalia na Equatorial Guinea.






Website: www.olympicrwanda.org
www.olympicrwanda.org/commonwealth
Email: cnosr@olympicrwanda.org | @RwandaOlympic

Address: Remera–Hallmark Center Building KG 17 Ave